Communauté des Eglises Libres de Pentecôte en Afrique au Rwanda
C.E.L.P.A.R.

Tel: 0786100783 /0788895681

Email :projectrw891celpar@gmail.com

**Paroisse Ngenda**

# AMABWIRIRIZA AGENGA IPIGANWA RY'IBYOKURYA

# D A O

Bugesera Tariki : 21/07/2026

# AMABWIRIZA AGENGA IPIGANWA RY'ISOKO RY'IBYOKURYA

## IGICE CYA MBERE IRIBURIRO

Umushinga **RW0891** ukorera mw'itorero rya **CELPAR Paroisse Ngenda** ufashwa na compassion international ufite intego yo kugobotora umwana mu ngoyi z'ubukene mw'izina rya yesu , abo bana bafashwa m'uburyo butandukanye **(mu myigire m'ubuzima , mu mibaniren'abandi , ndeste no mu mikurire y'umubiri** ), ni muri urwo rwego itorero ryifuza gutanga isoko ryo kugemura ibyokurya by'abana b'umushinga **( 337)** bazarya mugihe cy'amezi atandatu **(01/08/2026-01/02/2027)** , ariko bikazaca mw'ipiganwa.

## IGICE CYA KABIRI

## AMABWIRIZA YIHARIYE AGENGA IPIGANWA :

### 1.ABEMEREWE KUZA GUPIGANWA

Abemerewe kuza gupiganwa ni barwiyemezamirimo bafite ibyangombwa byemewe bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha .

### 2.IBIKUBIYE MU GATABO K'IPIGANWA

- Itangazo ry'ipiganwa (Avis d'appel d'offres)
- Amabwiriza yihariye agenga ipiganwa
- Abazatanga isoko
- Amafaranga aho azava
- Uburyo bwo gutanga igiciro
- Ibisabwa mw'ipiganwa
- Kugura ibitabo by'ipiganwa
- Gutegura amabahasha
- Igihe giteganyijwe cyo gutanga amabaruwa y'ipiganwa.
- Gufungura amabahasha y'ipiganwa
- Igihe impapuro z'ipiganwa ziba zifte agaciro
- Ururimi ruzakoreshwa mw'ipiganwa
- Gusuzuma inyandiko
- Uko isoko ritangwa
- Imiterere y'ibyokurya bikenewe muri iri soko
- Uburyo bwo kwishyura rwiyemezamirimo

- Uko amasezerano azakorwa.

### 3. ABAZATANGA ISOKO

Abazatanga isoko ni komite y'umushinga , Abakozi b'umushinga , n'ubuyobozi bw'itorero rya **CELPAR Paroisse Ngenda**.

### 4.AMAFARANGA AHO AZAVA

Amafaranga azishyurwa rwiyezamirimo azava k'umuterankunga w'itorero rya **CELPARParoisse/Ngenda ariwe compassion international** ku mafaranga agenewe abo bana b'umushinga aza buri kwezi , akazatangwa ari amanyarwanda.

### 5.UBURYO IGICIRO GITANGWA

a) Igiciro cy'ibyokurya gitangwa na rwiyemezamirimo hakurikijwe ibiciro by'ibyokurya biri kw'isoko.
b) Igiciro kigomba kuba gikubiyemo imisoro yose iteganywa n'amategeko ya letay'URWANDA.
c) Upiganira isoko yerekana agaciro cya kimwe ndetse n'agaciro ka byose (Unit & Total Price).
d) Uzatanga igiciro kirenze ubushobozi dufite ntabwo azahabwa isoko, icyakora mugihe ariwe ufite ibiciro biri hafi n'ibyo dufite hashobora kubaho kumvikana nawe akagabanya ibiciro akaba ariwe uhabwa iryo soko **(Negociation phase).**
e) Mugihe hatagize uboneka wakwemera ubwo bwumvikane ku biciro isoko rigomba gusubikwa , hakazongera gutangwa irindi itangazo
f) Uzatanga igiciro kijyanye n'ubushobozi dufite kandi yujuje ibisabwa niwe ugomba gutsindira iryo soko.

### 6. IBISABWA MW'IPIGANWA

**MURWEGO RWO KUGENZURA IBYANGOMBWA BY'ABARWIYEMEZAMIRIMO**

**HAREBWA IBI BIKURIKIRA:**

-Kwandika ibaruwa isaba isoko yandikiwe umushumba w'itorero rya **CELPAR Paroisse Ngenda**.
-Kuba asanzwe ari umucuruzi cyangwa afite ubushobozi bwo gupiganira amasoko.
-Kuba afite **E B M** ya **R R A**
-Kuba afite nimero ya compte muri **B K** cyangwa ahandi hari Informatisé.
-Kuba afite Tin number ya **R R A**
-Kuzana icyemezo cy'ubucuruzi **(Registre de commerce)** kigaragaza ibyo yemerewe Gupiganira **(Business Activities).**
-Kuzana icyemezo kigaragaza ko atarimo umwenda wa **RRA(Attestation de non créance)**
-Kuzana photocopie y'indangamuntu
-Buri wese agomba kuzuza form igaragaza ibiciro yatanze **(proforma)** hakubiyemo n'imisoro

iteganywa n'amategeko ya leta y'URWANDA.
-Buri wese wifuza gupiganira iri isoko agomba kwishyura amafaranga adasubizwa **10,000frw** kuri konti y'umushinga iri muri **BK:100008615483**
-Kuzana bordereau y'amafaranga yishyuye kuri Banki umunsi w'ipiganwa
-Kuzana icyemezo cya hantu nibura hatatu yaba yarigeze kugemura ibyokurya
-Kugaragaza gahunda isobanutse yerekana uko azakora icyo gikorwa cyo kugemura ibyokurya.
-Abifuza ibindi bisobanuro no kumenya imiterere y'ibikenewe bazabibona muri ako gatabo gakubiyemo amabwiriza agenga iryo soko, bashobora no guhamagara kuri izi nimero zikurikira: **0786100783/0788895681.**
-Gufungura amabahasha y'iri soko bizakorwa tariki:**28/07/2026** saa tanu zuzuye **(11:00)** ku biro by'umushinga, Kandi buri wese agomba kuza yitwaje ibyangombwa bye bimwemerera gupiganira iryo soko.
-Nta rwiyemezamirimo ugomba gutuma undi, buri wese agomba kwiyizira mu isoko, nkeretse ufite imigabane muri company kandi yanditse mu byangombwa byemewe na RRA.
- Agatabo k'amabwiriza agenga isoko ryo kugemura ibyokurya muzagasanga k'urubuga rwa **Job in Rwanda.** Bordereau izoherezwa kuri iyi Email:**projectrw891celpar@gmail.com** cyangwa kuri nomero za Telephone zatanzwe hejuru.
-Igitabo cy'amabwiriza agenga iryo soko muzagisanga k'urubuga rwa **Job in Rwanda**
-Buri wese agomba kuza yitwaje ibyangombwa bye bisaba iryo soko umunsi wo gufungura amabahasha kuwa mbere Tariki:**28/07/2026** saa tanu zuzuye **(11:00)**Ku biro by'umushinga **RW0891 CELPAR Ngenda** , uherereye mu **karere ka Bugesera ,umurenge wa Nyarugenge**

## 7. <u>KUGURA IBITABO BY'IPIGANWA</u>

- Buri rwiyemezamirimo agomba gutanga amafaranga adasubizwa **10,000frw** kuri konti y'umushinga **RW0891** iri muri **BK: 100008615483.**
- Buri rwiyemezamirimo wishyuye DAO agomba kohereza Bordereau kuri iyi Email: **projectrw891celpar@gmail.com** cyangwa kuri nomero za Telephone watsap zatanzwe hejuru.

## 8.<u>GUTEGURA AMABAHASHA</u>

- Amabahasha agomba kuba afunze neza yanditseho inyuma :
  **<<ISOKO RYO KUGEMURA IBYOKURYA BY'ABANA B'UMUSHINGA ,**
  yandikiwe umushumba w'itorero rya **CELPAR PAROISSE NGENDA**
- Ibaruwa cyangwa izindi nyandiko zikenewe zigomba kuba zandikishije imashini cyangwa intoki .

## 9.<u>IGIHE GITEGANYIJWE CYO GUTANGA AMABARUWA Y'IPIGANWA</u>

- Amabaruwa agomba kuzatangwa na buri Rwiyemezamirimo umunsi wo gufungura amabaruwa k'umugaragaro Tariki **28/07/2026** saa tanu zuzuye **(11:00)** ku biro by'umushinga **RW0891** .
- Amabaruwa azaza nyuma y'iminuta mirongo itatu (**30**) tumaze gufungura amabahasha uhereye ku isaha yateganyijwe ntagomba kwakirwa.

## 10.GUFUNGURA AMABAHASHA Y'IPIGANWA

- Gufungura amabahasha y'ipiganwa bizakorerwa m'uruhame ku Biro by'umushinga **RW0891CELPAR NGENDA** kuwa **28/07/2026** saa tanu zuzuye**(11:00).**

## 11.IGIHE IMPAPURO Z'IPIGANWA ZIBA ZIFITE AGACIRO

- Impapuro z'ipiganwa zikomeza kugira agaciro kuva igihe amabaruwa yafunguriwe kugeza ku minsi itanu( **Validité de 5jours)** .

## 12.INDIMI ZIZAKORESHWA MW'IPIGANWA .

- Ururimi rwemewe kuzakoreshwa mw'itegurwa ry'isoko ndetse no mw'ipiganwa n'ikinyarwanda.

## 13.GUSUZUMA INYANDIKO

A. **Gusuzuma ibisabwa rwiyemezamirimo**

- Mugusuzuma inyandiko harebwa ibikubiye mu ngingo ya gatandatu **(6)** y'igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko .

**B.Gusuzuma ibiciro bya rwiyemezamirimo.**

- Upiganira isoko agomba kugaragaza ibiciro yatanze mu nyuguti no mu mibare kuri Facture proforma .
- Mugihe habayeho kwibeshya ibyanditswe mu nyuguti n'ibyo bihabwa agaciro.
- Amafaranga yatanzwe nutanga igiciro azasuzumwa kugira ngo bamenye niba atibeshye ,hazarebwa kandi n'igiciro cyose hamwe , igiciro kizemezwa n'ikigaragaye nyuma y'ikosora.
- Uzatsindira isoko ni uzaba yatanze ibiciro bikwiye kandi afite inyandiko zujuje ibisabwa.

## 14.UKO ISOKO RITANGWA

- Isoko riteganyijwe kuzatangwa tariki **28/07/2026** saa tanu zuzuye **(11:00)** ku biro by'umushinga **RW0891 CELPAR NGENDA**.

- Isoko rizahabwa rwiyemezamirimo uzaba yujuje ibisabwa byose byavuzwe mu ngingo zabanje kandi akaba abifitiye ubushobozi.

## 15.IMITERE Y'IBYOKURYA BIKENEWE

**Ibyokurya bikenewe n'ibi bikurikira**:

- **Umuceri:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu **(150kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(200kg)**
- **Isukari:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu **(36kg),**Mugihe cy'ibyumweru bine**(48kg)**
- **Ibishyimbo:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(102kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(136kg)**
- **Amavuta:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(9liters),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(12liters)**

- **Indagara:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(24kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(32kg)**
- **Umunyu:**Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(9kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(12kg)**
- **Imbuto**(Imineke, Avocat……)Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(337pcs),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(337pcs)**
- **Imboga n'ibirungo**:-Dodo/Amashu,(60kg **3 weeks**), (80kg **4 weeks**),
  -Inyanya(30kg,**3weeks**), (40kg,**4weeks**).
  -Sereri(4.5kg,3**weeks**) , (6kg 4**weeks**)
  -Poivro(3kg 3**weeks**) , ( 4kg 4**weeks**
- **Keke(Bread):** Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(1011Pcs),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(1348)**
- **Ibitunguru:** Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(5Pcs),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(6)**
- **Salisa(Tomatoes):**Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(24Pcs),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(32pcs)**
- **Ubunyobwa:** Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(21kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(28kg)**
- **Amagi:** Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(337pcs),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(337pcs)**
- **Caroti:** Mugihe cy'ibyumweru bitatu**(15kg),** Mugihe cy'ibyumweru bine**(20kg)**

**Icyitonderwa:**Rwiyemezamirimo uzatsindira isoko ry'ibyokurya azajya ahabwa Komande y'ibyo azagemura buri kwezi bitewe n'imibare y'abana bazaba bahari buri kwezi.

## 16.UBURYO BWO KWISHYURA RWIYEMEZAMIRIMO

- Rwiyemezamirimo watsindiye isoko ryo kugemura ibyokurya agomga kuzana Facture ndetse n'inyandiko yishyuza arangije gukora ibyo asabwa byose mu kwezi, akishyurwa hakoreshejwe O P iriho nomero ye yatanze izishyurirwaho amafaranga muri Banki yifuje ko twamwishyuriraho.

## 17.UKO AMASEZERANO AZAKORWA N'IGIHE AZAMARA

- Amasezerano akorwa hagati ya Rwiyemezamirimo watsindiye isoko na komite y'umushinga **RW0891**.
- Aya masezerano agomba gukorwa nyuma yo kumenya uwatsindiye isoko bitarenze imnsi itatu **(Three Days)** cyangwa mbere y'aho.
- Aya masezerano agomba kumara igihe kingana n'amezi itandatu**(6 Months).**Guhera ku itariki **01/08/2026** kugeza kuwa **01/02/2027.**
- Aya masezerano ashobora kuvugururwa nyuma yo gukora amezi atandatu mugihe Rwiyemezamirimo yakoze neza.

**Bikorewe Nyarugenge tariki:21/07/2026**
**Umushumba w'itorero rya CELPAR-NGENDA**
**RUGWIZA SUMO Alexandre**